



Umwaka wa 63
Igazeti ya Leta n° 30 ter yo
ku wa 22/07/2024

Year 63
Official Gazette n° 30 ter of
22/07/2024

63^{ème} Année
Journal Officiel n° 30 ter du
22/07/2024

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup.

A. Iteka rya Perezida/ Presidential Order/ Arrêté Présidentiel

Iteka rya Perezida n° 066/01 ryo ku wa 19/07/2024 rihindura Iteka rya Perezida n° 85/01 ryo ku wa 02/09/2002 rishyiraho amabwiriza rusange agenga imihanda n’uburyo bwo kuyigendamo.....2

Presidential Order n° 066/01 of 19/07/2024 amending Presidential Decree n° 85/01 of 02/09/2002 regulating general traffic police and road traffic.....2

Arrêté Présidentiel n° 066/01 du 19/07/2024 modifiant l’Arrêté Présidentiel n° 85/01 du 02/09/2002 portant règlement général de la police du roulage et de la circulation routière.....2

B. Iteka rya Minisitiri/ Ministerial Order/ Arrêté Ministériel

Iteka rya Minisitiri n° 01/MIN/024 ryo ku wa 19/07/2024 rigena imiterere y’uruhushya nyarwanda rwo gutwara ibinyabiziga.....20

Ministerial Order n° 01/MIN/024 of 19/07/2024 determining the model of national driving license.....20

Arrêté Ministériel n° 01/MIN/024 du 19/07/2024 déterminant le modèle du permis de conduire national.....20

<p>ITEKA RYA PEREZIDA N° 066/01 RYO KU WA 19/07/2024 RIHINDURA ITEKA RYA PEREZIDA N° 85/01 RYO KU WA 02/09/2002 RISHYIRAHO AMABWIRIZA RUSANGE AGENGA IMIHANDA N'UBURYO BWO KUYIGENDAMO</p> <p style="text-align: center;"><u>ISHAKIRO</u></p> <p><u>Ingingo ya mbere:</u> Uruhushya nyarwanda rwo gutwara ibinyabiziga</p> <p><u>Ingingo ya 2:</u> Imikoreshereze y'uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga bya “<i>automatique</i>”</p> <p><u>Ingingo ya 3:</u> Ingingo y'ururimi</p> <p><u>Ingingo ya 4:</u> Gutangira gukurikizwa</p>	<p>PRESIDENTIAL ORDER N° 066/01 OF 19/07/2024 AMENDING PRESIDENTIAL DECREE N° 85/01 OF 02/09/2002 REGULATING GENERAL TRAFFIC POLICE AND ROAD TRAFFIC</p> <p style="text-align: center;"><u>TABLE OF CONTENTS</u></p> <p><u>Article One:</u> National driving license</p> <p><u>Article 2:</u> Use of driving license for automatic transmission vehicles</p> <p><u>Article 3:</u> Language provision</p> <p><u>Article 4:</u> Entry into force</p>	<p>ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 066/01 DU 19/07/2024 MODIFIANT L'ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 85/01 DU 02/09/2002 PORTANT RÈGLEMENT GÉNÉRAL DE LA POLICE DU ROULAGE ET DE LA CIRCULATION ROUTIÈRE</p> <p style="text-align: center;"><u>TABLE DES MATIÈRES</u></p> <p><u>Article premier:</u> Permis de conduire national</p> <p><u>Article 2:</u> Utilisation du permis de conduire de véhicules à transmission automatique</p> <p><u>Article 3:</u> Disposition linguistique</p> <p><u>Article 4:</u> Entrée en vigueur</p>
---	--	---

<p>ITEKA RYA PEREZIDA N° 066/01 RYO KU WA 19/07/2024 RIHINDURA ITEKA RYA PEREZIDA N° 85/01 RYO KU WA 02/09/2002 RISHYIRAHO AMABWIRIZA RUSANGE AGENGA IMIHANDA N'UBURYO BWO KUYIGENDAMO</p> <p>Twebwe, KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika;</p> <p>Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda;</p> <p>Dushingiye ku Itegeko n° 34/1987 ryo ku wa 17/09/1987 ryerekeye imihanda n'uburyo bwo kuyigendamo, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 2;</p> <p>Dusubiye ku Iteka rya Perezida n° 85/01 ryo ku wa 02/09/2002 rishyiraho amabwiriza rusange agenga imihanda n'uburyo bwo kuyigendamo nk'uko ryahinduwe, mu ngingo yaryo ya 6;</p> <p>Bisabwe na Minisitiri w'Ibikorwa Remezo;</p> <p>Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 25/04/2024 imaze kubisuzuma no kubyemeza;</p>	<p>PRESIDENTIAL ORDER N° 066/01 OF 19/07/2024 AMENDING PRESIDENTIAL DECREE N° 85/01 OF 02/09/2002 REGULATING GENERAL TRAFFIC POLICE AND ROAD TRAFFIC</p> <p>We, KAGAME Paul, President of the Republic;</p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda;</p> <p>Pursuant to Law n° 34/1987 of 17/09/1987 relating to traffic and road traffic police, especially in Article 2;</p> <p>Having reviewed Presidential Decree n° 85/01 of 02/09/2002 regulating general traffic police and road traffic as amended, in Article 6;</p> <p>On proposal by the Minister of Infrastructure;</p> <p>After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 25/04/2024;</p>	<p>ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 066/01 DU 19/07/2024 MODIFIANT L'ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 85/01 DU 02/09/2002 PORTANT RÈGLEMENT GÉNÉRAL DE LA POLICE DU ROULAGE ET DE LA CIRCULATION ROUTIÈRE</p> <p>Nous, KAGAME Paul, Président de la République;</p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda;</p> <p>Vu la Loi n° 34/1987 du 17/09/1987 relative à la police du roulage et de la circulation routière, spécialement en son article 2;</p> <p>Revu l'Arrêté Présidentiel n° 85/01 du 02/09/2002 portant règlement général de la police du roulage et de la circulation routière telle que modifié, en son article 6;</p> <p>Sur proposition du Ministre des Infrastructures;</p> <p>Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 25/04/2024;</p>
---	---	---

DUTEGETSE:	DO ORDER:	ARRÊTONS:
<p><u>Ingingo ya mbere:</u> Uruhushya nyarwanda rwo gutwara ibinyabiziga</p> <p>Ingingo ya 6 y’Iteka rya Perezida n° 85/01 ryo ku wa 02/09/2002 rishyiraho amabwiriza rusange agenga imihanda n’uburyo bwo kuyigendamo ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>“<u>Ingingo ya 6:</u> Uruhushya nyarwanda rwo gutwara ibinyabiziga</p> <ol style="list-style-type: none"> (1) Nta muntu ushobora gutwara ikinyabiziga kigendeshwa na moteri mu nzira nyabagendwa adafite kandi atitwaje uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga rwatanzwe na Polisi y’u Rwanda. (2) Uko uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga ruteye n’uko rutangwa bigenwa n’Iteka rya Minisitiri ufite gutwara abantu n’ibintu mu nshingano. (3) Umuyobozi agomba kwerekana uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga iyo abisabwe n’umukozi ubifitiye ububasha. 	<p><u>Article One:</u> National driving license</p> <p>Article 6 of Presidential Decree n° 85/01 of 02/09/2002 regulating general traffic police and road traffic is amended as follows:</p> <p>“<u>Article 6:</u> National driving license</p> <ol style="list-style-type: none"> (1) No person may drive a motor vehicle on the public highway if he or she does not hold and carry a driving license issued by the Rwanda National Police. (2) The model and modalities of issuing the driving license are determined by an Order of the Minister in charge of transport. (3) The driver must produce the driving license if required by a qualified agent. 	<p><u>Article premier:</u> Permis de conduire national</p> <p>L’article 6 de l’Arrêté Présidentiel n° 85/01 du 02/09/2002 portant règlement général de la police du roulage et de la circulation routière est modifié comme suit:</p> <p>« <u>Article 6:</u> Permis de conduire national</p> <ol style="list-style-type: none"> (1) Nul ne peut conduire un véhicule automoteur sur la voie publique lorsqu’il n’est pas titulaire et porteur d’un permis de conduire délivré par la Police Nationale du Rwanda. (2) Le modèle et les modalités d’octroi du permis de conduire sont déterminés par un arrêté du Ministre ayant le transport dans ses attributions. (3) Le conducteur doit exhiber le permis de conduire lorsqu’il en est requis par un agent qualifié.

<p>(4) Uruhushya nyarwanda rwo gutwara ibinyabiziga rumara igihe kigenwe.</p> <p>(5) Igihe uruhushya nyarwanda rwo gutwara ibinyabiziga rumara, ibyiciro by'imyaka n'ibisabwa kugira ngo rwongererwe igihe bigenwa n'iteka rya Minisitiri ufite gutwara abantu n'ibintu mu nshingano.</p> <p>(6) Uruhushya nyarwanda rwo gutwara ibinyabiziga rwerekana buri rwego rw'ibinyabiziga rwatangiwe.</p> <p>(7) Inzego z'uruhushya nyarwanda rwo gutwara ibinyabiziga n'inzego z'ibinyabiziga rutangirwa, ni ibi bikurikira:</p> <p>(a) Urwego A: amapikipiki n'ibinyamitende itatu bifite moteri biriho cyangwa bidafite intebe ku ruhande;</p> <p>(b) Urwego A1: amapikipiki n'ibinyamitende itatu bifite moteri byagenewe gutwarwa n'abafite ubumuga bw'ingingo zimwe na zimwe;</p>	<p>(4) The national driving license has limited validity.</p> <p>(5) The validity of a national driving license, age categories and requirements for its renewal are determined by an Order of the Minister in charge of transport.</p> <p>(6) The national driving license indicates each category of the vehicles for which it is issued.</p> <p>(7) The categories of national driving license and categories of motor vehicles for which it is issued, are the following:</p> <p>(a) Category A: motorcycles and motor tricycles with or without side-car;</p> <p>(b) Category A1: motorcycles and motor tricycles made to be driven by persons with disabilities of some physical organs;</p>	<p>(4) Le permis national de conduire à une validité limitée.</p> <p>(5) La validité du permis nationale de conduire, les catégories d'âge et les exigences de son renouvellement sont déterminées par un arrêté du Ministre ayant le transport dans ses attributions.</p> <p>(6) Le permis national de conduire indique chaque catégorie de véhicules pour laquelle il est octroyé.</p> <p>(7) Les catégories du permis de conduire national et les catégories de véhicules pour lesquelles il est octroyé, sont les suivantes:</p> <p>(a) Catégorie A: les motocyclettes et les tricycles à moteur avec ou sans side-car;</p> <p>(b) Catégorie A1: les motocyclettes et tricycles à moteur destinés pour être conduits par les personnes handicapées de certains organes physiques;</p>
--	--	---

<p>(c) Urwego B:</p> <p>(i) imodoka zagenewe gutwara abantu kandi zifite imyanya umunani ntarengwa yo kwicarwamo hatabariwemo uw'umuyobozi;</p> <p>(ii) imodoka zagenewe gutwara ibintu kandi zifite uburemere ntarengwa bwemewe butarenga kg 3.500;</p> <p>(iii) ibinyamitende ine bifite moteri.</p> <p>(d) Urwego B1: imodoka zagenewe gutwara abantu kandi zifite imyanya umunani ntarengwa yo kwicarwamo, habariwemo uw'umuyobozi, zakorewe gutwarwa n'abafite ubumuga bw'ingingo zimwe na zimwe;</p> <p>(e) Urwego C: imodoka zagenewe gutwara ibintu zifite uburemere ntarengwa bwemewe burenga kg 3.500;</p>	<p>(c) Category B:</p> <p>(i) automobile vehicles designated for transport of persons and having, in addition to the driver's seat, a maximum of eight seats;</p> <p>(ii) automobile vehicles designed for transport of things and having a 3,500 kg authorised maximum weight;</p> <p>(iii) motor quadricycles.</p> <p>(d) Category B1: automobile vehicles designated for transport of persons and having a maximum of eight seats, including the seat of the driver, built to be driven by persons with disabilities of some physical organs;</p> <p>(e) Category C: automobile vehicles designated for transport of things and having an authorised maximum weight exceeding 3.500 kg;</p>	<p>(c) Catégorie B:</p> <p>(i) les véhicules automobiles destinés au transport des personnes et comportant, outre le siège du conducteur, huit places au maximum;</p> <p>(ii) les véhicules automobiles destinés au transport de choses et ayant un poids maximum autorisé n'excédant pas 3.500 kg;</p> <p>(iii) les quadricycles à moteur.</p> <p>(d) Catégorie B1: les véhicules automobiles destinés au transport des personnes et comportant huit places, y compris celle du conducteur, au maximum, construits pour être conduits par les personnes handicapées de certains organes physiques;</p> <p>(e) Catégorie C: les véhicules automobiles destinés au transport de choses et ayant un poids maximum autorisé excédant 3.500 kg;</p>
---	---	--

<p>(f) Urwego D: imodoka zagenewe gutwara abantu kandi zifite imyanya iri hejuru y’umunani yo kwicarwamo ariko itarengeje 30, hatabariwemo uw’umuyobozi;</p> <p>(g) Urwego D1: imodoka zagenewe gutwara abantu kandi zifite imyanya irenga mirongo 30 yo kwicarwamo hatabariwemo uw’umuyobozi;</p> <p>(h) Urwego E: ibinyabiziga bikomatanye bifite ikinyabiziga gikurura kiri muri rumwe mu nzego za B, C na D umuyobozi afitiye uruhushya rwo gutwara kandi rumoruki yabyo ikaba ifite uburemere ntarengwa bwemewe burenga kg 750;</p> <p>(i) Urwego F: ibinyabiziga bidasanze, harimo –</p> <p>(i) ibimashini bihinga;</p> <p>(ii) ibikora imihanda;</p> <p>(iii)n’ibiterura n’ibipakira.</p>	<p>(f) Category D: automobile vehicles designated for transport of persons and having more than eight seats but not exceeding 30 seats, in addition to the driver’s seat;</p> <p>(g) Category D1: automobile vehicles designed for transport of persons and having more than 30 seats, in addition to the driver’s seat;</p> <p>(h) Category E: set of vehicles whose towing vehicle falls in one of categories B, C or D for which the driver has a valid driving license and whose a trailer has a maximum authorized weight of more than 750 kg;</p> <p>(i) Category F: special vehicles including –</p> <p>(i) agricultural tractors;</p> <p>(ii) bulldozers; and</p> <p>(iii)wrecking cranes.</p>	<p>(f) Catégorie D: les véhicules automobiles destinés au transport des personnes et comportant plus de huit places assises mais n’excédant pas 30 places, outre le siège du conducteur;</p> <p>(g) Catégorie D1: les véhicules automobiles destinés au transport des personnes et comportant, outre le siège du conducteur, plus de 30 places assises;</p> <p>(h) Catégorie E: ensemble de véhicules dont le tracteur rentre dans l’une des catégories B, C et D pour laquelle le conducteur est habilité et dont la remorque a un poids maximum autorisé supérieur à 750 kg;</p> <p>(i) Catégorie F: les véhicules spéciaux comprenant –</p> <p>(i) les engins agricoles;</p> <p>(ii) les bulldozers; et</p> <p>(iii)les grues de levage.</p>
--	--	---

<p>(8) Ku kinyabiziga cyo mu rwego B hashobora gushyirwaho rumoruki ntoya ifite umutambiko umwe.</p> <p>(9) Ku kinyabiziga cyo mu rwego C hashobora gushyirwaho rumoruki ntoya.</p> <p>(10) Uretse inzego z’ibinyabiziga bya A1 na B1 zidahinduka, ku zindi nzego zose z’impushya zo gutwara ibinyabiziga zivugwa muri iyi ngingo, hongerwaho inyuguti « AT » zivuga « <i>Automatic Transmission</i> » ku ruhushya rwo gutwara ibinyabiziga bya “<i>Automatique</i>” kuri buri rwego.</p> <p>(11) Ibinyabiziga bigenda mu nzira nyabagendwa bitabarirwa muri rumwe mu nzego zivugwa muri iyi ngingo, bibarirwa mu rwego B, hatitawe ku buremere bwabyo.</p> <p>(12) Uruhushya nyarwanda rwo gutwara ibinyabiziga rutangwa urusaba amaze gutsinda ikizamini cy’ubumenyi ngiro mu gutwara ibinyabiziga cyerekana ko urusaba azi gutwara ibinyabiziga byo mu</p>	<p>(8) A light single-axle trailer may be coupled to a vehicle of category B.</p> <p>(9) A light trailer may be coupled to a vehicle of category C.</p> <p>(10) With the exception of A1 and B1 fixed vehicle categories, for all other driving license categories referred to in this Article, letters AT meaning “Automatic Transmission” are added to the driving license for vehicles with automatic transmission for each category.</p> <p>(11) The vehicles moving on public highway not included in any of the categories referred to in this Article, are classified in category B regardless of their weight.</p> <p>(12) The national driving license is issued after the applicant has successfully passed the practical test attesting that the person concerned is skilled in driving vehicles of the category for which</p>	<p>(8) Au véhicule de catégorie B, il peut être attelé une remorque légère à un essieu.</p> <p>(9) Au véhicule de catégorie C, il peut être attelé une remorque légère.</p> <p>(10) À l’exception des catégories de véhicules fixes A1 et B1, pour toutes les autres catégories de permis de conduire visées au présent article, les lettres «AT» signifiant « <i>Automatic Transmission</i> » sont ajoutés sur le permis de conduire de véhicules à transmission automatique pour chaque catégorie.</p> <p>(11) Les véhicules circulant sur la voie publique qui ne rentrent dans aucune des catégories visées au présent article sont classés dans la catégorie B, quel que soit leur poids.</p> <p>(12) Le permis de conduire national est délivré après que le demandeur a satisfait à l’examen pratique attestant qu’il sait conduire les véhicules de la catégorie pour laquelle il sollicite un permis et</p>
---	--	--

<p>rwego asabira uruhushya kandi yerekanye icyemezo gitangwa na muganga wemewe na Leta cyemeza ko adafite kimwe mu bibazo by'ubuzima bivugwa mu gika cya (24) cy'iyi ngingo.</p>	<p>the license is requested and has presented a medical certificate issued by a recognized medical doctor attesting that he or she is not affected by any of the disorders referred to in Paragraph (24) of this Article.</p>	<p>qu'il a présenté un certificat médical délivré par un médecin agréé attestant qu'il n'est affecté d'aucun des troubles visés au paragraphe (24) du présent article.</p>
<p>(13) Uruhushya rw'agateganyo rwo gutwara ibinyabiziga rushobora guhabwa umuntu wese urusabye kugira ngo bimufashe kugera ku bumenyi buhagije bwo gutwara ibinyabiziga buzatuma abona uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga.</p>	<p>(13) A provisional driving license may be issued to any person who requests for it in order to enable him or her acquire the practical knowledge in view of obtaining a driving license.</p>	<p>(13) Un permis de conduire provisoire peut être délivré à toute personne qui en fait la demande pour lui permettre d'acquérir les connaissances pratiques requises en vue de l'obtention du permis de conduire.</p>
<p>(14) Uruhushya rw'agateganyo rwo gutwara ibinyabiziga rutangwa ari uko urusaba atsinze ikizamini cy'amasomo cyanditse cyerekana ko azi bihagije amategeko y'umuhanda.</p>	<p>(14) Provisional driving license is issued after the applicant has successfully passed the theory test proving that he or she has sufficient knowledge of traffic rules.</p>	<p>(14) Le permis de conduire provisoire est délivré après que le demandeur a satisfait à l'examen théorique établissant qu'il a une connaissance suffisante du règlement sur la police du roulage.</p>
<p>(15) Uruhushya rw'agateganyo rwo gutwara ibinyabiziga rufite agaciro ku nzego zose z'ibinyabiziga.</p>	<p>(15) The provisional driving license is valid for all categories of vehicles.</p>	<p>(15) Le permis de conduire provisoire est valable pour toutes les catégories de véhicules.</p>
<p>(16) Uruhushya rw'agateganyo rwo gutwara ibinyabiziga rumara umwaka umwe, ushobora kongerwa inshuro imwe gusa.</p>	<p>(16) The provisional driving license has a validity of one year, renewable only once.</p>	<p>(16) Le permis de conduire provisoire a une validité d'une année, renouvelable une fois seulement.</p>

<p>(17) Ufite uruhushya rw'agateganyo rwo gutwara ibinyabiziga ntiyemerewe gutwara imodoka atari kumwe n'umwigisha ufite uruhushya rwo mu rwego rw'imodoka atwaye.</p>	<p>(17) The holder of a provisional driving license is only authorised to drive an automobile vehicle with a driving instructor holding a driving license valid for the category of the vehicle driven.</p>	<p>(17) Le titulaire d'un permis provisoire n'est autorisé à conduire un véhicule automobile qu'à la condition d'être accompagné par un moniteur titulaire d'un permis de conduire valable pour la catégorie du véhicule conduit.</p>
<p>(18) Umwigisha agomba kuba iruhande rw'uwo yigisha kugira ngo ashobore kureba neza ibyo akora kandi amugoboke mu gihe cyo kuyitwara iyo bibaye ngombwa.</p>	<p>(18) The driving instructor must be near the apprentice driver so as to be able to control the manoeuvres and efficiently intervene in the driving of the vehicle when necessary.</p>	<p>(18) Le moniteur doit se placer aux côtés du conducteur apprenti de manière à pouvoir contrôler ses manœuvres et intervenir efficacement dans la conduite du véhicule en cas de nécessité.</p>
<p>(19) Ikizamini ku masomo cyanditse n'ikizamini cy'ubumenyi ngiro mu gutwara ibinyabiziga bikorwa kugira ngo hatangwe uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga, bikorwa mu buryo bwashyizweho na Minisitiri ufite gutwara abantu n'ibintu mu nshingano, abisabwe na Komite y'Igihugu ishinze Umutekano w'Umuhanda.</p>	<p>(19) The theory and practical tests for the driving license are administered under conditions determined by the Minister in charge of transport upon request by the National Road Safety Committee.</p>	<p>(19) Les examens théoriques et pratiques pour l'obtention d'un permis de conduire sont faits dans les conditions fixées par le Ministre ayant le transport dans ses attributions sur demande du Comité National de Sécurité Routière.</p>
<p>(20) Ikinyabiziga cyigirwaho kigomba kuba gifite inyuma ikimenyetso kigizwe n'inyuguti «L» yera yanditswe mu ibara ry'ubururu kandi ifite uburebure butari hasi ya cm 15 n'icyapa cyanditseho «AUTO-ECOLE» cyangwa</p>	<p>(20) The vehicle used for the apprenticeship must be equipped at the back with a sign constituted by the letter "L" painted in white on a blue base whose height is not less than 15 cm and with a sign bearing the "AUTO-ECOLE" or</p>	<p>(20) Le véhicule servant à l'apprentissage doit être marqué, à l'arrière, d'un signe constitué par la lettre «L» de couleur blanche sur fond bleu et dont la hauteur n'est pas inférieure à 15 cm et d'un panneau portant la mention</p>

<p>«DRIVING SCHOOL» mu nyuguti z’umukara zanditswe mu ibara ry’umweru.</p> <p>(21) Iyo rwatakaye, rwibwe cyangwa rwangiritse, uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga rusimburwa by’agateganyo, mu gihe gihagije kugira ngo habe habonetse inyandiko nshungu yarwo kandi icyo gihe ntikirenge iminsi 15. Urwandiko rusimbura uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga rutangwa na Polisi y’u Rwanda.</p> <p>(22) Bisabwe n’uwari ufite uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga rwatakaye, rwibwe cyangwa rwangiritse, Polisi y’u Rwanda itanga inyandiko nshungu yarwo.</p> <p>(23) Uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga n’inyandiko nshungu yarwo bitangwa ari uko hishyuwe amafaranga y’u Rwanda ku buryo bukurikira:</p> <p>(a) uruhushya nyarwanda rwo gutwara ibinyabiziga ku rwego rutangirirwaho: FRW 50.000;</p> <p>(b) kuri buri rwego rwiyoungereyeho: FRW 10.000;</p>	<p>DRIVING SCHOOL mention painted in black on a white base.</p> <p>(21) In case of loss, theft or deterioration, the driving license is provisionally replaced, for the length of time necessary to obtain a duplicate and in not more than 15 days. The document standing for the driving license is issued by the Rwanda National Police.</p> <p>(22) Upon request by the holder of the lost, stolen or deteriorated license, a duplicate of that license is issued by the Rwanda National Police.</p> <p>(23) Issuing of a driving license and a duplicate is subject to payment of the following fees:</p> <p>(a) national driving license for a determined category: FRW 50,000;</p> <p>(b) for each additional category: FRW 10,000;</p>	<p>AUTO-ECOLE ou «DRIVING SCHOOL» de couleur noir sur fond blanc.</p> <p>(21) En cas de perte, de vol ou de détérioration, le permis de conduire est remplacé provisoirement, pour la durée nécessaire à l’obtention d’un duplicata et qui ne peut être supérieure à 15 jours. Le document tenant lieu de permis de conduire est délivré par la Police Nationale du Rwanda.</p> <p>(22) À la demande du titulaire du permis perdu, volé ou détérioré, un duplicata de ce permis est délivré par la Police Nationale du Rwanda.</p> <p>(23) La délivrance d’un permis de conduire et d’un duplicata est subordonnée au paiement des frais suivants:</p> <p>(a) permis de conduire national pour une catégorie déterminée: 50.000 FRW;</p> <p>(b) par chaque catégorie supplémentaire: 10.000 FRW;</p>
---	---	--

Official Gazette n° 30 ter of 22/07/2024

<p>(c) uruhushya rw'agateganyo rwo gutwara ibinyabiziga: FRW 10.000;</p> <p>(d) inyandikonshungu y'uruhushya nyarwanda rwo gutwara ibinyabiziga: FRW 25.000;</p> <p>(e) kongerera igihe uruhushya rw'agateganyo rwo gutwara ibinyabiziga: FRW 5.000;</p> <p>(f) guhinduza uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga rw'amahanga : FRW 50.000;</p> <p>(g) uruhushya mpuzamahanga rwo gutwara ibinyabiziga : FRW 50.000;</p> <p>(h) gukora ikizamini cy'uruhushya nyarwanda rwo gutwara ibinyabiziga: FRW 10.000;</p> <p>(i) gukora ikizamini cy'uruhushya rw'agateganyo: FRW 5.000;</p> <p>(j) gukora ikizamini cy'uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga ku rwego rwiyoungereyeho: FRW 10.000.</p>	<p>(c) provisional driving license: FRW 10,000;</p> <p>(d) duplicate of national driving license: FRW 25,000;</p> <p>(e) renewing provisional driving license: FRW 5,000;</p> <p>(f) changing foreign driving license: FRW 50,000;</p> <p>(g) international driving license: FRW 50,000;</p> <p>(h) national driving license's test: FRW 10,000;</p> <p>(i) provisional driving license's test: FRW 5,000;</p> <p>(j) additional category's test: FRW 10,000.</p>	<p>(c) permis de conduire provisoire : 10.000 FRW;</p> <p>(d) duplicata du permis de conduire national : 25.000 FRW ;</p> <p>(e) prolongation du permis de conduire provisoire : 5.000 FRW ;</p> <p>(f) échange du permis de conduire étranger : 50.000 FRW ;</p> <p>(g) permis de conduire international : 50.000 FRW;</p> <p>(h) examen du permis de conduire national : 10.000 FRW;</p> <p>(i) examen du permis de conduire provisoire : 5.000 FRW;</p> <p>(j) examen de la catégorie supplémentaire : 10.000 FRW.</p>
---	---	---

<p>(24) Uruhushya nyarwanda rwo gutwara ibinyabiziga rwimwa cyangwa rwamburwa umuntu ufite kimwe mu bibazo by'ubuzima bikurikira:</p> <p>(a) ukubona kw'ijisho kudafite 8/10 kuri buri jisho cyangwa 7/10 ku jisho rimwe na 9/10 ku rindi jisho, cyangwa 6/10 ku jisho rimwe na 10/10 ku rindi. Biremewe ko uburwayi bw'amaso bukosorwa no kwambara amataratara yabigenewe;</p> <p>(b) kutumva cyangwa kumva buhoro bikabije kandi ku matwi yombi;</p> <p>(c) ikindi kibazo cy'ubuzima kibuzwa bikabije ingingo z'umubiri gukora neza cyangwa gihungabanya imikorere y'ubwonko.</p> <p>(25) Polisi y'u Rwanda ishobora gutumiza umuntu wese ufite uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga ikekaho kimwe mu bibazo by'ubuzima bivugwa mu gika cya (24) cy'iyi ngingo kugira ngo asuzumwe na muganga</p>	<p>(24) The national driving license is refused to or withdrawn from a person affected by the one of the following disorders:</p> <p>(a) acuteness of vision which has not either 8/10 for each eye or 7/10 for one eye and 9/10 for the other or 6/10 for one eye and 10/10 for the other. It is accepted that acuteness of vision insufficiency can be corrected by wearing appropriate lenses;</p> <p>(b) loss or accented decrease of hearing of both ears;</p> <p>(c) other physical disorder hindering considerably the functioning of the locomotor system or affecting the psycho-nervous equilibrium.</p> <p>(25) The Rwanda National Police may invite any holder of a driving license who presumably is affected by one of the disorders referred to in Paragraph (24) of this Article, to undergo a medical test done by a doctor chosen by the Rwanda</p>	<p>(24) Le permis de conduire national est refusé ou retiré à une personne affectée de l'un des troubles suivants:</p> <p>(a) l'acuité visuelle n'ayant pas soit 8/10 pour chacun des deux yeux, soit de 7/10 pour un œil et de 9/10 pour l'autre, soit de 6/10 pour un œil et de 10/10 pour l'autre. Il est accepté que l'insuffisance d'acuité visuelle soit corrigée par le port de lunettes appropriées;</p> <p>(b) la perte ou la diminution accentuée d'audition des deux oreilles;</p> <p>(c) autre trouble physique entravant considérablement le fonctionnement de l'appareil locomoteur ou affectant l'équilibre psycho-nerveux.</p> <p>(25) La Police Nationale du Rwanda peut inviter tout titulaire d'un permis de conduire qu'elle présume être affecté de l'un des troubles visés au paragraphe (24) du présent article, à subir un examen médical fait par le médecin désigné par la</p>
---	--	--

<p>imuhitiyemo; uwo muganga akohereza Polisi y'u Rwanda ibyo yabonye mu gihe kitarenze iminsi umunani. Polisi y'u Rwanda yishyura ikiguzi cy'iryo suzumwa.</p> <p>(26) Polisi y'u Rwanda ishobora kwambura by'agateganyo uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga umuntu wese wanze gusuzumwa na muganga; Polisi y'u Rwanda ishobora na none kwambura uruhushya umuntu wese uzwiho ikibazo cy'ubuzima kivugwa a mu gika cya (24) cy'iyi ngingo.</p> <p>(27) icyemezo cya Polisi y'u Rwanda, kiri kumwe n'inyandukuro yemewe ya raporo ya muganga wa Leta, bimenyeshwa uwo bireba kandi bigatangirwa icyemezo cy'iyakira.</p> <p>(28) icyemezo cya Polisi y'u Rwanda cyafashwe kubera kwanga gusuzumwa na muganga ntikijuririrwa.</p>	<p>National Police, who communicates his or her conclusions to the Rwanda National Police within eight days. The Rwanda National Police covers the cost of the medical test.</p> <p>(26) The Rwanda National Police may temporarily withdraw the driving license from any person who refuses to undergo the medical test prescribed; the Rwanda National Police can also withdraw the driving license from any person found to be affected by any of the disorders referred to in Paragraph (24) of this Article.</p> <p>(27) The decision of the Rwanda National Police is communicated to the person concerned by means of a notification with a certified copy of the medical report, with receipt notice.</p> <p>(28) The decision of the Rwanda National Police motivated by a refusal to undergo the medical test cannot be appealed.</p>	<p>Police Nationale du Rwanda, qui communique ses conclusions à la Police Nationale du Rwanda dans un délai de huit jours. La Police Nationale du Rwanda supporte le coût de cet examen médical.</p> <p>(26) La Police Nationale du Rwanda peut retirer provisoirement le permis de conduire à toute personne qui refuserait de se soumettre à l'examen médical prescrit ; la Police Nationale du Rwanda peut également retirer le permis de conduire à toute personne qui serait reconnue atteinte de l'un des troubles visés au paragraphe (24) du présent article.</p> <p>(27) La décision de la Police Nationale du Rwanda est signifiée à la personne concernée, avec une copie certifiée conforme du rapport médical, avec accusé de réception.</p> <p>(28) La décision de la Police Nationale du Rwanda qui est fondée sur le refus de se soumettre à l'examen médical n'est pas susceptible d'appel.</p>
--	---	--

Official Gazette n° 30 ter of 22/07/2024

<p>(29) Ku zindi mpamvu, icyemezo gishobora kujuririrwa kuri Polisi y'u Rwanda mu gihe cy'iminsi 30 ibarwa uhare igihe nyir'ubwite yaboneyeho icyemezo cya Polisi y'u Rwanda. Igihe cyemewe cyo kujurira n'ubujurire ntibihagarika ishyirwa mu bikorwa ry'icyemezo.</p>	<p>(29) In other cases, the appeal against the decision may be lodged before the Rwanda National Police; within 30 days from the date the holder receives the decision of the Rwanda National Police. The time limit for instituting an appeal as well as the appeal itself has no suspensive effect.</p>	<p>(29) Dans les autres cas, l'appel de la décision peut être interjeté auprès de la Police Nationale du Rwanda endéans 30 jours de la réception de la décision de la Police Nationale du Rwanda par le titulaire. Le délai d'appel ainsi que l'appel n'ont pas d'effet suspensif.</p>
<p>(30) Uwajuriye asuzumwa n'akanama k'abaganga batatu; umwe muri bo ashwirwaho na Polisi y'u Rwanda, uwa kabiri agashwirwaho n'uwajuriye, uwa gatatu agashakwa n'abo baganga babiri ba mbere.</p>	<p>(30) The appellant is examined by a three doctors' committee; the first being designated by the Rwanda National Police, the second by the appellant and the third chosen by the two previously designated doctors.</p>	<p>(30) L'appellant est examiné par une commission de trois médecins; dont le premier est désigné par la Police Nationale du Rwanda, le second par l'appellant et le troisième, par les deux premiers médecins désignés.</p>
<p>(31) Ukwamburwa uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga kugumaho ari uko byemejwe n'ubwiganze bw'amajwi y'abagize ako kanama; muri icyo gihe amafaranga atangwa ku isuzumwa aherera ku wajuriye.</p>	<p>(31) The withdrawal of a driving license is maintained on the committee's advice only when expressed by the majority of its members. In this case, examination fees are paid by the appellant.</p>	<p>(31) Le retrait du permis de conduire ne peut être maintenu que sur avis de la commission exprimé à la majorité de ses membres ; dans ce cas, les frais d'examen sont à la charge de l'appellant.</p>
<p>(32) Iyo icyemezo cyo kwambura uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga kibaye ndakuka, kimenyeshwa Polisi y'u Rwanda ari na yo irusubirana.</p>	<p>(32) If the withdrawal decision is final, it is communicated to the Rwanda National Police, which takes it back.</p>	<p>(32) Lorsque la décision de retrait est définitive, elle est portée à la connaissance de la Police Nationale du Rwanda, qui le recouvre.</p>
<p>(33) Hatitawe ku biteganywa mu gika</p>	<p>(33) Without consideration of the</p>	<p>(33) Sans considération des dispositions</p>

<p>cya (1) cy'iyi ngingo, umuyobozi utaramara umwaka umwe mu Rwanda ntategetswe gutwara ikinyabiziga yitwaje uruhushya nyarwanda rwo gutwara ibinyabiziga iyo afite –</p> <p>(a) uruhushya mpuzamahanga rwo gutwara ibinyabiziga ruteye kimwe n'urugero rugize Umugereka wa 7 w'Amasezerano y'i Viyeni yo ku wa 8 Ugushyingo 1968 yerekeye uburyo bwo kugenda mu muhanda;</p> <p>(b) cyangwa uruhushya mvamahanga rwo gutwara ibinyabiziga ruhuje n'amategeko ari ku Mugereka wa 6 w'Amasezerano y'i Viyeni yo ku wa 8 Ugushyingo 1968 yerekeye uburyo bwo kugenda mu muhanda, ariko urwo ruhushya rukaba rufite agaciro kandi rwaratanzwe n'igihugu cyashyize umukono kuri ayo masezerano cyangwa n'ikigo cyabihereye ububasha n'ikindi gihugu cyashyize umukono kuri ayo masezerano.</p> <p>(34)Ufite rumwe mu mpushya zivugwa</p>	<p>provisions of Paragraph (1) of this Article, a driver residing for less than one year in Rwanda is not required to carry a national driving license when driving if he or she is –</p> <p>(a) a holder of an international driving license conforming to the model constituting Annex 7 of Vienna Convention of November 8, 1968 relating to road traffic; or</p> <p>(b) a holder of a foreign driving license conforming to provisions of Annex 6 of Vienna Convention of November 8, 1968 relating to road traffic as long as that driving license is valid and has been issued by another Contracting Party or by an organisation authorised to that effect by another party to the Convention.</p> <p>(34) A holder of one of the licenses</p>	<p>du paragraphe (1) du présent article, le conducteur résidant depuis moins d'un an au Rwanda n'est pas tenu d'être muni d'un permis de conduire national lorsqu'il conduit s'il est –</p> <p>(a) titulaire d'un permis de conduire international conforme au modèle constituant l'Annexe 7 de la Convention de Vienne du 8 novembre 1968 relative à la circulation routière; ou</p> <p>(b) titulaire d'un permis de conduire étranger conforme aux dispositions de l'Annexe 6 de la Convention de Vienne du 8 novembre 1968 relative à la circulation routière, pour autant que ce permis soit valide et qu'il ait été délivré par une autre Partie Contractante ou par un organisme habilité à cet effet par une autre Partie à la Convention.</p> <p>(34) Le titulaire de l'un des permis visés</p>
--	---	---

<p>mu gika cya (33) cy'iyi ngingo ahita arwerekana iyo abisabwe n'umukozi ubifitiye ububasha. Yemerewe kubona uruhushya nyarwanda rwo gutwara ibinyabiziga atagombye gukora ikizamini ku masomo cyanditse n'ikizamini cy'ubumenyi ngiro mu gutwara ibinyabiziga, iyo yerekanye uruhushya mpuzamahanga cyangwa mvamahanga, apfa gusa kubisaba mbere y'irangira ry'igihe cy'umwaka giteganywa mu gika cya (33) cy'iyi ngingo.”</p>	<p>referred to in Paragraph (33) of this Article presents it immediately when so requested by a qualified agent. He or she is entitled to obtaining, without being obliged to undergo theory and practical tests, a national driving license on presentation of his or her international or foreign license, under the condition of introducing the request before the expiry of the period of one year as provided for in Paragraph (33) of this Article.”</p>	<p>au paragraphe (33) du présent article le présente immédiatement lorsqu'il en est requis par un agent qualifié. Il a le droit d'obtenir, sans devoir subir les examens théoriques et pratiques, un permis de conduire national sur présentation de son permis international ou étranger, à condition d'en introduire la demande avant l'expiration du délai d'un an prévu au paragraphe (33) du présent article. »</p>
<p><u>Ingingo ya 2:</u> Imikoreshereze y'uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga bya “<i>automatique</i>”</p>	<p><u>Article 2:</u> Use of driving license for automatic transmission vehicles</p>	<p><u>Article 2:</u> Utilisation du permis de conduire de véhicules à transmission automatique</p>
<p>Mu Iteka rya Perezida n° 85/01 ryo ku wa 02/09/2002 rishyiraho amabwiriza rusange agenga imihanda n'uburyo bwo kuyigendamo nk'uko ryahinduwe, hongewemo ingingo ya <i>6bis</i> iteye ku buryo bukurikira:</p>	<p>An Article <i>6bis</i> is inserted in Presidential Decree n° 85/01 of 02/09/2002 regulating general traffic police and road traffic as amended, which is worded as follows:</p>	<p>Dans l'Arrêté Présidentiel n° 85/01 du 02/09/2002 portant règlement général de la police du roulage et de la circulation routière tel que modifié, il est inséré un article <i>6 bis</i> libellé comme suit :</p>
<p>«<u>Ingingo ya 6bis:</u> Imikoreshereze y'uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga bya « <i>automatique</i>»</p>	<p>«<u>Article 6bis:</u> Use of driving license for automatic transmission vehicles</p>	<p>« <u>Article 6bis:</u> Utilisation du permis de conduire de véhicules à transmission automatique</p>
<p>(1) Umuntu wahawe uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga akoresheje</p>	<p>(1) A person who has obtained a driving license using an automatic</p>	<p>(1) Une personne qui a obtenu un permis définitif de conduire en</p>

<p>ikinyabiziga cya «<i>automatique</i>» mu kizamini yemerewe gutwara ibinyabiziga bya «<i>automatique</i>» gusa byo mu rwego afitiye uruhushya.</p> <p>(2) Icyakora, umuntu wahawe uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga akoresheje ikinyabiziga cya «<i>manuel</i>» mu kizamini yemerewe gutwara ibinyabiziga bya «<i>automatique</i>» n’ibya «<i>manuel</i>» byo mu rwego afitiye uruhushya. »</p> <p><u>Ingingo ya 3: Ingingo y’ururimi</u></p> <p>Iri teka ryateguwe mu rurimi rw’Ikinyarwanda.</p> <p><u>Ingingo ya 4: Gutangira gukurikizwa</u></p> <p>Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.</p>	<p>transmission vehicle in the test, is only allowed to drive automatic transmission vehicles of the category for which he or she is licensed.</p> <p>(2) However, a person who has obtained a driving license using a manual transmission vehicle in the test is allowed to drive automatic transmission vehicles and manual transmission vehicles of the category for which he or she is licensed.”</p> <p><u>Article 3: Language provision</u></p> <p>This Order was drafted in Ikinyarwanda.</p> <p><u>Article 4: Entry into force</u></p> <p>This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p>utilisant un véhicule à transmission automatique dans l’examen n’est autorisée à conduire que des véhicules à transmission automatique de la catégorie pour laquelle elle est titulaire du permis.</p> <p>(2) Toutefois, une personne qui a obtenu un permis de conduire en utilisant un véhicule à transmission manuel dans l’examen est autorisée à conduire des véhicules à transmission automatique et des véhicules à transmission manuelle de la catégorie de son permis. »</p> <p><u>Article 3: Disposition linguistique</u></p> <p>Le présent arrêté a été rédigé en Ikinyarwanda.</p> <p><u>Article 4 : Entrée en vigueur</u></p> <p>Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
--	---	---

Kigali, 19/07/2024

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika
President of the Republic
Président de la République

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard
Minisitiri w'Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux

<p>ITEKA RYA MINISITIRI N° 01/MIN/024 RYO KU WA 19/07/2024 RIGENA IMITERERE Y'URUHUSHYA NYARWANDA RWO GUTWARA IBINYABIZIGA</p>	<p>MINISTERIAL ORDER N° 01/MIN/024 OF 19/07/2024 DETERMINING THE MODEL OF NATIONAL DRIVING LICENSE</p>	<p>ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 01/MIN/024 DU 19/07/2024 DÉTERMINANT LE MODÈLE DU PERMIS DE CONDUIRE NATIONAL</p>
<p><u>ISHAKIRO</u></p>	<p><u>TABLE OF CONTENTS</u></p>	<p><u>TABLE DES MATIÈRES</u></p>
<p><u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamije</p>	<p><u>Article One:</u> Purpose of this Order</p>	<p><u>Article premier:</u> Objet du présent arrêté</p>
<p><u>Ingingo ya 2:</u> Ibipimo by'uruhushya nyarwanda rwo gutwara ibinyabiziga</p>	<p><u>Article 2:</u> Dimensions of the national driving license</p>	<p><u>Article 2:</u> Dimensions du permis de conduire national</p>
<p><u>Ingingo ya 3:</u> Ibyo uruhushya nyarwanda rwo gutwara ibinyabiziga rukozemo</p>	<p><u>Article 3:</u> Manufacturing material of the national driving license</p>	<p><u>Article 3:</u> Matériau de fabrication du permis de conduire national</p>
<p><u>Ingingo ya 4:</u> Amakuru agaragara ku ruhushya nyarwanda rwo gutwara ibinyabiziga</p>	<p><u>Article 4:</u> Information appearing on the national driving license</p>	<p><u>Article 4:</u> Informations figurant sur le permis de conduire national</p>
<p><u>Ingingo ya 5:</u> Uruhushya rwatsindiwe hakoreshejwe ikinyabiziga cya “<i>automatique</i>”</p>	<p><u>Article 5:</u> Driving license obtained using automatic transmission vehicle</p>	<p><u>Article 5:</u> Permis de conduire obtenu en utilisant un véhicule à transmission automatique</p>
<p><u>Ingingo ya 6:</u> Ingingo ivanaho</p>	<p><u>Article 6:</u> Repealing provision</p>	<p><u>Article 6:</u> Disposition abrogatoire</p>
<p><u>Ingingo ya 7:</u> Ingingo y'ururimi</p>	<p><u>Article 7:</u> Language provision</p>	<p><u>Article 7:</u> Disposition linguistique</p>
<p><u>Ingingo ya 8:</u> Gutangira gukurikizwa</p>	<p><u>Article 8:</u> Entry into force</p>	<p><u>Article 8:</u> Entrée en vigueur</p>

<p>ITEKA RYA MINISITIRI N° 01/MIN/024 RYO KU WA 19/07/2024 RIGENA IMITERERE Y'URUHUSHYA NYARWANDA RWO GUTWARA IBINYABIZIGA</p> <p>Minisitiri w'Ibikorwa Remezo;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda;</p> <p>Ashingiye ku Iteka rya Perezida n° 85/01 ryo ku wa 02/09/2002 rishyiraho amabwiriza rusange agenga imihanda n'uburyo bwo kuyigendamo nk'uko ryahinduwe, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 6;</p> <p>Asubiye ku Iteka rya Minisitiri n° 04/MOS/Trans/015 ryo ku wa 08/04/2015 rigena imiterere y'uruhushya nyarwanda rwo gutwara ikinyabiziga nk'uko ryahinduwe;</p> <p>Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 25/04/2024 imaze kubisuzuma no kubyemeza;</p> <p>ATEGETSE:</p>	<p>MINISTERIAL ORDER N° 01/MIN/024 OF 19/07/2024 DETERMINING THE MODEL OF NATIONAL DRIVING LICENSE</p> <p>The Minister of Infrastructure;</p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda;</p> <p>Pursuant to Presidential Decree n° 85/01 of 02/09/2002 regulating general traffic police and road traffic as amended, especially in Article 6;</p> <p>Having reviewed Ministerial Order n° 04/MOS/Trans/015 of 08/04/2015 determining the model of the national driving license as amended;</p> <p>After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 25/04/2024;</p> <p>ORDERS:</p>	<p>ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 01/MIN/024 DU 19/07/2024 DÉTERMINANT LE MODÈLE DU PERMIS DE CONDUIRE NATIONAL</p> <p>Le Ministre des Infrastructures ;</p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda;</p> <p>Vu l'Arrêté Présidentiel n° 85/01 du 02/09/2002 portant règlement général de la police du roulage et de la circulation routière tel que modifié, spécialement en son article 6;</p> <p>Revu l'Arrêté Ministériel n° 04/MOS/Trans/015 du 08/04/2015 déterminant le modèle du permis national de conduire tel que modifié;</p> <p>Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 25/04/2024;</p> <p>ARRÊTE:</p>
---	---	---

<p><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije</u></p> <p>Iri teka rigena ibipimo by’uruhushya nyarwanda rwo gutwara ibinyabiziga, ibyo rukozemo n’amakuru arugaragaraho.</p> <p><u>Ingingo ya 2: Ibipimo by’uruhushya nyarwanda rwo gutwara ibinyabiziga</u></p> <p>Uruhushya nyarwanda rwo gutwara ibinyabiziga rufite ibipimo mpuzamahanga byemewe, ID-1, ISO/IEC 7810, bikurikira:</p> <p>(a) uburebure: mm 85,6;</p> <p>(b) ubugari: mm 54;</p> <p>(c) umubyimba: mm 0,76.</p> <p><u>Ingingo ya 3: Ibyo uruhushya nyarwanda rwo gutwara ikinyabiziga rukozemo</u></p> <p>Uruhushya nyarwanda rwo gutwara ibinyabiziga rumeze nk’ikarita yo kubikuza amafaranga ruriho ifoto ya nyirarwo mu ibara ry’iroza rikeye. Rukozwe mu rupapuro rukomeye kandi rutakwangizwa n’amazi rwitwa «<i>Teslin</i> ®» rufunikishijwe pulasitiki ibonerana.</p>	<p><u>Article One: Purpose of this Order</u></p> <p>This Order determines the dimensions of the national driving license, its manufacturing material and the information appearing thereon.</p> <p><u>Article 2: Dimensions of the national driving license</u></p> <p>The national driving license has the following international standard dimensions, ID-1, ISO/IEC 7810,:</p> <p>(a) length: 85.6 mm;</p> <p>(b) width: 54 mm;</p> <p>(c) thickness: 0.76 mm.</p> <p><u>Article 3: Manufacturing material of the national driving license</u></p> <p>The national driving license is in the form of a credit card bearing the holder’s photo in a light pink color background. It is made of a waterproof synthetic paper called “Teslin ®” covered by a layer of transparent plastic material.</p>	<p><u>Article premier: Objet du présent arrêté</u></p> <p>Le présent arrêté détermine les dimensions du permis de conduire national, son matériau de fabrication et les informations qui y figurent.</p> <p><u>Article 2: Dimensions du permis de conduire national</u></p> <p>Le permis de conduire national a les dimensions standards internationales, ID-1, ISO/IEC 7810, suivantes:</p> <p>(a) longueur: 85,6 mm;</p> <p>(b) largeur: 54 mm;</p> <p>(c) épaisseur: 0,76 mm.</p> <p><u>Article 3: Matériau de fabrication du permis de conduire national</u></p> <p>Le permis de conduire national a la forme d’une carte de crédit portant la photo du titulaire sur fond rose clair. Il est fabriqué en papier synthétique imperméable appelé «<i>Teslin</i> ® » recouvert d’une couche de matière plastique transparente.</p>
--	--	---

<u>Ingingo ya 4: Amakuru agaragara ku ruhushya nyarwanda rwo gutwara ibinyabiziga</u>	<u>Article 4: Information appearing on the national driving license</u>	<u>Article 4: Informations figurant sur le permis de conduire national</u>
<p>(1) Imbere ku ruhushya nyarwanda rwo gutwara ibinyabiziga, ahagaragara ifoto ya nyir'uruhushya, hagaragara ibi bikurikira:</p> <p>(a) kuva ibumoso uguna iburyo, hari ikirangantego cya Repubulika y'u Rwanda gikurikirwa n'urwunge ry'amagambo «<i>REPUBULIKA Y'U RWANDA</i>» yandikishije ibara ry'ubururu bukeye; muni handitse itsinda ry'amagambo «<i>REPUBLIC OF RWANDA</i>» mu nyuguti z'icyatsi cyerurutse, ibi byombi bikurikirwa n'urukiramende rugizwe n'amabara akurikiranye asa nk'ay'ibendera rya Repubulika y'u Rwanda;</p> <p>(b) muni y'ibiteganyijwe mu gaka ka (a) k'iki gika, hari umurongo ugororotse wirabura uva muni y'itsinda ry'amagambo «<i>REPUBLIC OF RWANDA</i>» ukagera muni y'urukiramende</p>	<p>(1) On the front side of national driving license, on the side where the photo of the holder appears, there are the following information:</p> <p>(a) from the left to the right side, appears the Seal of the Republic of Rwanda followed by the words “<i>REPUBULIKA Y'U RWANDA</i>” in light blue colored letters; below are the words “<i>REPUBLIC OF RWANDA</i>”, in light green colored letters, both followed by a rectangle having the successive colors like as of the National flag of the Republic of Rwanda;</p> <p>(b) below the information in Subparagraph (a) of this Paragraph, is a black straight line from the lower part of the words “<i>REPUBLIC OF RWANDA</i>” to the lower part of the rectangle</p>	<p>(1) Au recto du permis de conduire national, sur le côté où apparait la photo du titulaire, se trouvent les informations suivantes :</p> <p>(a) de gauche à droite, figure le Sceau de la République du Rwanda suivi du groupe de mots « <i>REPUBULIKA Y'U RWANDA</i> » en lettres bleu clair; en dessous desquelles se trouve un groupe de mots «<i>REPUBLIC OF RWANDA</i>» en lettres vert clair, tous les deux suivis d'un rectangle aux couleurs du drapeau National de la République du Rwanda ;</p> <p>(b) en dessous des mentions dans l'alinéa (a) du présent paragraphe, se trouve une ligne droite noire allant du dessous du groupe de mots « <i>REPUBLIC OF RWANDA</i> » au-dessous du</p>

<p>rwavuzwe mu gaka ka (a) k'iki gika;</p> <p>(c) ku ruhande rw'ibumoso bw'umurongo, hari ifoto ya nyir'uruhushya igaragara mu ruziga ruteye nk'igi rihagaritse rifite ibara risa n'umweru. Uru ruziga rufite uburebure bwa mm 44 n'ubugari bwa mm 29,3. Iruhande rwarwo, hari uruziga ruteye nk'igi rufite umurambararo muremure wa mm 47 n'umurambararo mugufi wa mm 38,75 rugaragaraho imirasire y'izuba ifite udukoni 24. Iburyo bw'urwo ruziga ahajya hepfo, harimo agafoto gasa nk'agakingirijwe ka nyir'uruhushya;</p> <p>(d) munsu y'umurongo ugorotse wirabura uvugwa mu gaka ka (b) k'iki gika, haruguru y'uruziga rw'izuba ruteye nk'igi rufite umurambararo wa mm 26,6 mu butambike, handitse amagambo akurikiranye uturutse hejuru ugana hasi mu mirasire y'izuba rifite udukoni 24, mu rurimi rw'Ikinyarwanda</p>	<p>referred to in Subparagraph (a) of this Paragraph;</p> <p>(c) on the left side of the line, appears the photograph of the license holder in a white vertical oval shape. The oval shape has 44 mm large diameter and 29.3 mm small diameter. Next to it is an oval shape with 47 mm in large diameter and 38.75 mm in small diameter, in which appear rays of the sun having 24 strokes. On the lower right side of the circle is the background reduced photo of the license holder;</p> <p>(d) below the black straight line referred to in Subparagraph (b) of this Paragraph, above the sun in the shape of an oval with 26.6 mm in horizontal diameter, the following words are written successively in the sun rays having 24 strokes from the top to the bottom, in Kinyarwanda and English as follows:</p>	<p>rectangle visé à l'alinéa (a) du présent paragraphe ;</p> <p>(c) du côté gauche de la ligne figure la photo du titulaire du permis se trouvant dans une figure ovale placée à la verticale de couleur blanche. La forme ovale a 44 mm de grand diamètre et 29,3 mm de petit diamètre. À son côté se trouve une forme ovale, de 47 mm en grand diamètre et 38,75 mm en petit diamètre, dans lequel figure les rayons du soleil ayant 24 barres. Du côté inférieur droit de la forme ovale se trouve la photo d'arrière-plan réduite du titulaire du permis ;</p> <p>(d) en dessous de la ligne droite noire mentionnée à l'alinéa (b) du présent paragraphe, au-dessus du soleil en forme d'un ovale ayant un diamètre de 26,6 mm à l'horizontal, figure une série de mots se suivant de haut en bas inscrits dans les rayons du soleil ayant 24 barres, en Ikinyarwanda et en anglais</p>
---	---	--

<p>n’urw’Icyongereza ku buryo bukurikira:</p> <p>(i) URUHUSHYA RWO GUTWARA IBINYABIZIGA/ DRIVING LICENSE;</p> <p>(ii) Amazina / Names;</p> <p>(iii) Yavutse / Date of birth;</p> <p>(iv) Igitsina / Sex;</p> <p>(v) Izarangira / Expiry date;</p> <p>(vi) Yatangiwe / Place of issue;</p> <p>(e) muni y’ifoto igaragara mu ruziga rw’igi rihagaritse ruvugwa mu gaka ka (c) k’iki gika, hari ijamba “Class” rikurikiwe n’inyuguti nkuru bivuga urwego rw’ibinyabiziga uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga rwatangiwe. Muni y’urwego rw’ibinyabiziga hari inyuguti «DL N°» zikurikiwe na numero y’uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga igaragara neza igizwe n’imibare 16.</p>	<p>(i) URUHUSHYA RWO GUTWARA IBINYABIZIGA/ DRIVING LICENSE”;</p> <p>(ii) Amazina / Names;</p> <p>(iii) Yavutse / Date of birth;</p> <p>(iv) Igitsina / Sex;</p> <p>(v) Izarangira / Expiry date;</p> <p>(vi) Yatangiwe / Place of issue;</p> <p>(e) below the photograph in the vertical oval shape referred to in Subparagraph (c) of this Paragraph, appears the word “Class” followed by a capital letter which means the category of vehicles for which the driving license is issued. Below the vehicle class appear letters “DL N°” followed by the distinct 16-digit number of driving license.</p>	<p>comme suit:</p> <p>(i) URUHUSHYA RWO GUTWARA IBINYABIZIGA/ DRIVING LICENSE ;</p> <p>(ii) Amazina / Names;</p> <p>(iii)Yavutse / Date of birth;</p> <p>(iv)Igitsina / Sex;</p> <p>(v) Izarangira / Expiry date;</p> <p>(vi)Yatangiwe / Place of issue;</p> <p>(e) en dessous de la photo se trouvant dans l’ovale placé à la verticale visé à l’alinéa (c) du présent paragraphe, figurent la mention «Class» suivie d’une lettre majuscule qui signifie la catégorie de véhicules pour laquelle le permis de conduire est délivré. En dessous de la catégorie de véhicules figurent les lettres «DL N°» suivies du numéro du permis de conduire en 16 chiffres.</p>
--	--	--

<p>(2) Inyuma ku ruhushya nyarwanda rwo gutwara ibinyabiziga hagaragara ibi bikurikira:</p> <p>(a) uturutse hejuru ibumoso:</p> <p>(i) uturutse hejuru ibumoso ugana hasi, hari imbonerahamwe y'inkingi ebyiri, yerekana mu nkingi y'ibumoso iteruwe n'amagambo «Ikinyabiziga / Class» mu rurimi rw'Ikinyarwanda no mu Cyongereza, inzego z'ibinyabiziga kuva hejuru ugana hasi zigizwe n'inyuguti A1; A; B1; B; C; D; D1, E; na F, imbere ya buri nyuguti hakagaragara igishushanyo cyerekana ubwoko bw'ikinyabiziga, naho mu nkingi y'iburyo iteruwe n'amagambo «Yatanzwe / Issued» mu rurimi rw'Ikinyarwanda no mu Cyongereza, hakagaragara igihe uruhushya rwo gutwara</p>	<p>(2) On the back of the national driving license appear the following:</p> <p>(a) from the upper left:</p> <p>(i) from the upper left to the bottom there is a two-column table indicating in the left column bearing in the title cell the words “Ikinyabiziga / Class” in Ikinyarwanda and English, the categories of vehicles constituted from top to bottom of the letters A1; A; B1; B; C; D; D1; E; and F followed each letter by the figure symbolizing the class of vehicles; while the right column bearing in the title cell the words “Yatanzwe / Issued” in Ikinyarwanda and English, indicates the date of issue of driving license for the category concerned;</p>	<p>(2) Au verso du permis de conduire national figure ce qui suit:</p> <p>(a) du haut à gauche:</p> <p>(i) depuis la partie supérieure à gauche de haut en bas se trouve un tableau à deux colonnes indiquant dans la colonne de gauche portant dans la cellule titre les mentions « Ikinyabiziga / Class » en Ikinyarwanda et en anglais, les catégories de véhicules constituées de haut en bas des lettres A1 ; A; B1; B; C; D; D1; E; et F devant lesquelles se trouve chacune une silhouette symbolisant le genre de véhicule ; tandis que la colonne de droite portant dans la cellule titre les mentions « Yatanzwe / Issued » en Ikinyarwanda et en anglais, est réservée à la date de délivrance du permis de conduire pour la catégorie concernée ;</p>
--	--	---

<p>ibinyabiziga rwatangiwe ku rwego bireba;</p> <p>(ii) mu ruhande rwo hagati ugana hejuru hari ibisa n’ibigize ikirangantego cya Repubulika y’u Rwanda hagati mu gisa n’ibendera ry’Igihugu biri mu ibara rimwe;</p> <p>(b) uturutse ahagana iburyo bw’ibendera riri mu ibara rimwe uvuye hejuru ujya hasi werekeza iburyo, hagaragara amagambo akurikira:</p> <p>(i) ku murongo wa mbere n’uwa kabiri «Utoraguye iyi karita, wayishyikiriza ubuyobozi bwa polisi bukwegereye»;</p> <p>(ii) ku murongo wa gatatu n’uwa kane: «<i>If found, please return to the nearest police station</i>»;</p>	<p>(ii) in the middle on the top side, appears a representation of the seal of the Republic of Rwanda in the middle of a representation of the national flag made in monochromatic color;</p> <p>(b) from the right side of the national flag made in monochromatic color from the top to bottom towards the right side are the following words:</p> <p>(i) on the first and second line “<i>Utoraguye iyi karita, wayishyikiriza ubuyobozi bwa polisi bukwegereye</i>”;</p> <p>(ii) on the third and fourth line: “<i>If found, please return to the nearest police station</i>”;</p>	<p>(ii) au milieu vers le haut se trouve une représentation du sceau de la République du Rwanda au milieu d’une représentation du drapeau national visible en une seule couleur;</p> <p>(b) à partir de l’aile droite du drapeau national en une seule couleur de haut en bas vers le côté droit se trouve des inscriptions suivantes:</p> <p>(i) à la première et seconde ligne «<i>Utoraguye iyi karita, wayishyikiriza ubuyobozi bwa polisi bukwegereye</i>»;</p> <p>(ii) à la troisième et quatrième ligne: «<i>If found, please return to the nearest police station</i>»;</p>
---	--	---

<p>(iii) muni hagaragara agafoto gasa nk'agakingirijwe ka nyir'uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga;</p> <p>(c) muni y'agafoto gasa nk'agakingirijwe kavugwa mu gaka ka (b)(iii) k'iki gika handitse amagambo «Umukono / <i>Signature</i>», muni yayo hakajya umukono bwite wa nyirayo;</p> <p>(d) muni y'umukono wa nyirayo n'imbonerahamwe hari urukiramende rw'ikijuju kivanze n'umukara «2D barcode», rufite mm 75 z'uburebure na mm 19 z'ubugari.</p> <p><u>Ingingo va 5:</u> Uruhushya rwatsindiwe hakoreshejwe ikinyabiziga cya “<i>automatique</i>”</p> <p>Uretse inzego z'ibinyabiziga bya A1 na B1 zidahinduka, ku zindi nzego zose z'impushya zatsindiwe hakoreshejwe ikinyabiziga cya “<i>automatique</i>”, hongerwaho inyuguti «AT», zivuga «<i>Automatic Transmission</i>», kuri buri cyiciro cy'uruhushya rwo gutwara</p>	<p>(iii) below appears the background reduced photo of the holder of the national driving license;</p> <p>(c) below the background reduced photo referred to in Subparagraph (b)(iii) of this Paragraph is written “<i>Umukono / Signature</i>”, below which appears the holder’s own signature;</p> <p>(d) below the holder’s signature and the table, there is a black and gray rectangle “2D barcode” with 75 mm in length and 19 mm in width.</p> <p><u>Article 5:</u> Driving license obtained using automatic transmission vehicle</p> <p>With the exception of A1 and B1, for all other driving license categories obtained using automatic transmission vehicle, letters “AT” meaning “Automatic Transmission” are added to the driving license for each category.</p>	<p>(iii) en dessous se trouve une photo d’arrière-plan réduite du titulaire du permis de conduire;</p> <p>(c) en dessous de la photo d’arrière-plan réduite visée à l’alinéa (b)(iii) du présent paragraphe figure les mots «<i>Umukono / Signature</i>», en dessous desquels apparaît la signature propre du titulaire;</p> <p>(d) en dessous de la signature et du tableau, se trouve un rectangle gris noir «2D barcode », ayant 75 mm de longueur et 19 mm de largeur.</p> <p><u>Article 5:</u> Permis de conduire obtenu en utilisant un véhicule à transmission automatique</p> <p>À l’exception des catégories de véhicules A1 et B1, pour toutes les autres catégories de permis de conduite obtenus en utilisant un véhicule à transmission automatique, les lettres « AT » signifiant « <i>Automatic Transmission</i> » sont ajoutées sur le permis de conduire pour chaque catégorie.</p>
---	---	---

<p>ibinyabiziga.</p> <p><u>Ingingo ya 6: Ingingo ivanaho</u></p> <p>Iteka rya Minisitiri n° 04/MOS/Trans/015 ryo ku wa 08/04/2015 rigena imiterere y’uruhushya nyarwanda rwo gutwara ikinyabiziga rivanyweho.</p> <p><u>Ingingo ya 7: Ingingo y’ururimi</u></p> <p>Iri teka ryateguwe mu rurimi rw’Ikinyarwanda.</p> <p><u>Ingingo ya 8: Gutangira gukurikizwa</u></p> <p>Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.</p>	<p><u>Article 6: Repealing provision</u></p> <p>Ministerial Order n° 04/MOS/Trans/015 of 08/04/2015 determining the model of the national driving license is repealed.</p> <p><u>Article 7: Language provision</u></p> <p>This Order was drafted in Ikinyarwanda.</p> <p><u>Article 8: Entry into force</u></p> <p>This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p><u>Article 6: Disposition abrogatoire</u></p> <p>L’Arrêté Ministériel n° 04/MOS/Trans/015 du 08/04/2015 déterminant le modèle du permis national de conduire est abrogé.</p> <p><u>Article 7: Disposition linguistique</u></p> <p>Le présent arrêté a été rédigé en Ikinyarwanda</p> <p><u>Article 8: Entrée en vigueur</u></p> <p>Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
--	---	---

Kigali, 19/07/2024

(sé)

Dr GASORE Jimmy
Minisitiri w'Ibikorwa Remezo
Minister of Infrastructure
Ministre des Infrastructures

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux